<p>p) Impunzi zigomba kugenda zitwaje icyangombwa kiranga impunzi, icyemezo cy'uko bibaruje cyangwa ikindi cyangombwa bahawe;</p> <p>q) Impunzi ibuze mu nkambi mu gihe kingana n'amezi atatu (03) bitazwi n'ubuyobozi bw'inkambi akurwa ku rutonde rw'impunzi mu Rwanda. Kongera kubarwa nk'impunzi igihe cyose hari harabayeho gukurwa ku rutonde binyuzwa mu nteko ishinzwe iyandikwa ry'impunzi;</p> <p>r) Impunzi yose cyangwa umuntu usaba ubuhungiro igomba kubanza kwandikwa n'inzego za leta zibishinzwe na HCR mbere yo guhabwa uburenganzira bwo gutura mu nkambi.</p> <p>s) Abakozi bose b'imiryango itegamiye kuri Leta biherejwe gukorera mu nkambi y'impunzi bagomba kugira ikarita y'akazi itangwa n'umukoresha na visa ya Minisitiri.</p>	<p>(p) When exiting the camp, refugees are obliged to move with their refugee card, proof of registration or any other official identification document;</p> <p>(q) Any refugee who is absent from the camp for three (3) consecutive months without authorization of the camp manager will be inactivated in the database of refugees in Rwanda. He/her reactivation is subject to the decision of the continuous registration panel;</p> <p>(r) Any refugee or asylum seeker should be registered by competent government organs and UNHCR before having the right to live in a camp.</p> <p>(s) All NGOs employees deployed to work in the refugee camps should have a service card issued by the employer and a visa of the Ministry.</p>	<p>p) Les réfugiés sont obligés de se déplacer avec leurs cartes de réfugiés, preuve d'enregistrement ou un autre document officiel d'identification ;</p> <p>q) Tout réfugié qui accuse une absence de trois (3) mois consécutifs au camp, sans l'autorisation est inactivé dans la base de données des réfugiés au Rwanda. Sa réactivation est soumise à la décision du panel d'enregistrement continu ;</p> <p>r) Tout réfugié ou demandeur d'asile doit être enregistré par les organes gouvernementaux compétents et le HCR avant d'avoir le droit de résider dans un camp.</p> <p>s) Tous les employés des ONG déployés pour travailler dans un camp des réfugiés devraient avoir une carte de service délivrée par l'employeur et authentifiée par le Ministère.</p>
--	---	---

<p>t) Umufatanyabikorwa ukorera mu nkambi ushaka gukoresha impunzi amahugurwa cyangwa ikindi gikorwa gihuriza hamwe impunzi ugomba kubisabira uruhusa rutangwa n'umuyobozi w'inkambi;</p> <p>u) Umuyobozi w'inkambi amenyeshwa amasaha y'akazi k'abafatanyabikorwa agakurikirana ko yubahirizwa.</p> <p>v) Gukora amasaha y'ikirenga mu nkambi bisabirwa uruhushya rwihariye rutangwa n'umuyobozi w'inkambi.</p>	<p>(t) Any partner that needs to organize trainings, workshops and other public events involving refugees should seek authorization of the camp manager.</p> <p>(u) The camp manager should be notified of partners working hours and monitor their execution.</p> <p>(v) Supplementary hours in the camp require special permission to be given by the camp manger.</p>	<p>t) Tout partenaire qui veut organiser des formations, des ateliers et d'autres événements publics impliquant des réfugiés doit demander l'autorisation du directeur du camp.</p> <p>u) Le directeur du camp doit être notifié des heures de travail par tous les partenaires pour en faire le suivi de leur exécution.</p> <p>v) Le travail des heures supplémentaires dans le camp nécessite la permission spéciale du directeur du camp.</p>
<p><u>Ingingo ya 18:Kurenganurwa</u></p> <p>Imiryango irengere ikiremwanuntu ikorera mu nkambi z'impunzi ishyiraho uburyo bufasha impunzi zahuye n'ikibazo kukigaragaza</p>	<p><u>Article 18: Complaint Mechanism</u></p> <p>Humanitarian Agencies working in refugee camps should establish complaint mechanism that allows refugees to raise their complaints.</p>	<p><u>Article 18 : Mécanisme de plainte</u></p> <p>Les organismes humanitaires travaillant dans les camps des réfugiés doivent établir un mécanisme de traitement des plaintes qui permet aux réfugiés de soulever leurs plaintes.</p>
<p><u>Ingingo ya 19: Gusaka mu nkambi</u></p> <p>Inzego z'umutekano zikora isaka mu nkambi igihe cyose bibaye ngombwa mu rwego rwo</p>	<p><u>Article 19: Search operations</u></p> <p>Security personnel/force can conduct search operations in the refugee camps at any time in</p>	<p><u>Article 19: Fouillage de sécurité</u></p> <p>Les services de sécurité peuvent mener des opérations de fouillage dans les camps des réfugiés à tout moment afin d'assurer le caractère civil et</p>

<p>kubungabunga umutekano muri rusange w'inkambi n'abayibamo.</p> <p><u>Ingingo ya 20: Kubungabunga imitungo</u></p> <p>Imitungo, ibikorwa remezo n'ibikoresho bikoreshwa mu nkambi bigomba kubungwabungwa neza no kurindwa kugirango bitibwa cyangwa bikangizwa.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Kwimurwa kubera inyungu rusange</u></p> <p>Ubuyobozi bw'inkambi z'impunzi bufite uburenganzira bwo kwimurira impunzi ahandi kubera ibikorwa bifitiye impunzi akamaro bigiye gukorerwa aho zari zituye bumaze kubyemererwa n'ubuyobozi bwa Minisiteri ifite impunzi mu nshingano zayo.</p> <p><u>Ingingo ya 22: Kubungabunga ibidukikije</u></p> <p>Muri buri nkambi impunzi zitabira ibikorwa bigamije kubungabunga</p>	<p>order to maintain the civilian and humanitarian character of asylum and to ensure the safety and security of the camp and its inhabitants.</p> <p><u>Article 20: Safeguarding properties</u></p> <p>Properties, infrastructures and equipment used in refugee camps should be well maintained and prevented from robbery and damage.</p> <p><u>Article 21: Relocation over public interest.</u></p> <p>The refugee camps management has the right to relocate refugees to another location due to works of public interest under the approval of the Ministry in charge of refugees,</p> <p><u>Article 22: Environmental protection</u></p> <p>In all refugee camps, refugees participate in all activities meant to protect environment such as:</p>	<p>humanitaire du camp et de maintenir la sécurité du camp et de ses habitants.</p> <p><u>Article 20: Conservation des propriétés</u></p> <p>Les propriétés, les infrastructures et les équipements utilisés dans les camps des réfugiés doivent être bien entretenus et protégés contre le vol et l'endommagement.</p> <p><u>Article 21: Transfert pour l'intérêt public.</u></p> <p>L'administration du camp des réfugiés a le droit de transférer les réfugiés vers un autre emplacement en raison des travaux d'intérêt public sous l'approbation du Ministère en charge des réfugiés,</p> <p><u>Article 22: Protection de l'environnement</u></p> <p>Dans tous les camps, les réfugiés participent à toutes les activités visant à protéger l'environnement, tels que:</p>
---	---	--

<p>ibidukikije birimo ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gutera ibiti no kubungabunga ibyatewe; • Gucukura imirwanyasuri; • Gusiba imyobo iri mu nkambi ishobora guteza impanuka. <p><u>Ingingo ya 23: Gukumira amazi y'imvura</u></p> <p>Impunzi zikumira amazi y'imvura kugira ngo atangiza amazu zibamo no kwirinda ko yatwara ubutaka, bikaba intandaro y'isuri mu nkambi.</p> <p>Ibi babikora muri gahunda y'umuganda uba rimwe mu kwezi n'ikindi gihe bibaye ngombwa.</p> <p><u>Ingingo ya 24: Ubworozi bw'amatungo mu nkambi</u></p> <p>Birabujijwe kororera no kuragira amatungo mu nkambi, keretse bikorewe ahateganijwe n'ubuyobozi bw'inkambi mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y'impunzi</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Planting and protecting trees; • Establishing drainage systems; • Leveling or covering pit holes inside refugee camps to prevent eventual accidents <p><u>Article 23: Rain water management</u></p> <p>Refugees have the responsibility to contain rain water to reduce risks of damaging their houses and soil erosion in camps.</p> <p>Such environmental protection activities are done through monthly community work or other community initiatives</p> <p><u>Article 24: Animal husbandry in refugee camps</u></p> <p>Animal husbandry and grazing activities in refugee camps are forbidden, except in areas determined by the camp management with the</p>	<ul style="list-style-type: none"> • La plantation et la protection des arbres ; • Établissement des systèmes de drainage ; • Démantèlement de trous à l'intérieur des camps des réfugiés pour prévenir les accidents éventuels. <p><u>Article 23: Atténuation des risques liés à l'eau de pluie.</u></p> <p>Les réfugiés ont la responsabilité d'atténuer des risques d'eau de pluie pour éviter la destruction de leurs maisons et l'érosion du sol dans les camps.</p> <p>Ces activités de protection de l'environnement sont effectuées à travers les travaux communautaires mensuels ou d'autres initiatives communautaires.</p> <p><u>Article 24: L'élevage dans les camps des réfugiés</u></p> <p>L'élevage et les activités de pâturage dans les camps des réfugiés sont interdits sauf dans les zones déterminées par la direction du camp dans le but de promouvoir les activités de subsistance des</p>
--	--	---

<p>muri rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 25: Amadini n'insengero mu nkambi z'impunzi</u></p> <p>Idini iryo ari ryo ryose rishaka gukorera mu nkambi y'impunzi ribanza kubisabira uburenganzira Minisitiri ufite impunzi mu nshingano ze.</p> <p>Ubwo busabe bugomba kuba buherekejwe n'icyemezo cyerekana ko ryemerewe gukorera mu Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 26: Gahunda y'amasengesho mu nkambi z'impunzi</u></p> <p>Gahunda y'amasengesho mu nkambi ntigomba kubangamira gahunda zisanzwe z'impunzi kandi umuyobozi w'inkambi akabanza kuyemeza.</p> <p><u>Ingingo ya 27: Imyifatire y'impunzi ku baturage baturanye n'inkambi</u></p> <p>Impunzi zigomba kubana neza n'abaturage baturanye n'inkambi babamo kandi bakubahana.</p>	<p>aim to promote refugees livelihood activities.</p> <p><u>Article 25: Faith based organizations and religions</u></p> <p>Any faith based organization or religions that want to operate in refugee camps should seek authorization of the Minister in charge of refugees.</p> <p>That application should be supported by the accreditation granting the right to operate in Rwanda.</p> <p><u>Article 26: Religious activities in refugee camps</u></p> <p>Religious activities in refugee camps should not disturb the normal life of the refugees' community and should be approved by the camp manager.</p> <p><u>Article 27: Good neighborhood with the Rwandan community</u></p> <p>Refugees should demonstrate good neighborhood and exemplary attitude towards the host community.</p>	<p>réfugiés.</p> <p><u>Article 25: Les organisations confessionnelle et religions</u></p> <p>Toute organisation confessionnelle ou des religions qui souhaitent opérer dans des camps des réfugiés devrait demander l'autorisation du ministre en charge des réfugiés.</p> <p>Cette demande devrait être accompagnée par l'accréditation accordant le droit d'œuvrer au Rwanda.</p> <p><u>Article 26: Culte religieux dans les camps de réfugiés</u></p> <p>Les cultes religieux dans les camps ne doivent pas perturber l'environnement normal du reste de la communauté des réfugiés et doivent être reconnus par le directeur du camp.</p> <p><u>Article 27: Attitude des réfugiés vis-à-vis de la communauté accueillante</u></p> <p>Les réfugiés doivent démontrer les relations de bon voisinage et l'attitude exemplaire vers la Communauté d'accueil.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 28: Gukemura ibibazo bivutse hagati y'impunzi n'abandi baturage</u></p> <p>Ikibazo kivutse hagati y'impunzi n'abaturage gikemurwa ku bufatanye bw'umuyobozi w'inkambi n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze.</p> <p>Iyo ikibazo kinaniranye, gishyikirizwa minisiteri ifite impunzi mu nshingano zayo.</p>	<p><u>Article 28: Settling disputes between refugees and local residents</u></p> <p>Any dispute arising between refugees and local residents shall be resolved by the by the camp management in collaboration with local authorities.</p> <p>In case of objection, the case shall be referred to the Ministry in charge of refugees.</p>	<p><u>Article 28: Résolution des querelles et conflits entre les réfugiés et les populations locales</u></p> <p>Tout querelle ou conflit opposant les réfugiés et la communauté locale sont résolus par la direction du camp en collaboration avec les autorités locales.</p> <p>En cas de contestation, l'affaire est renvoyée au ministère en charge des réfugiés.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV:IMIKORANIRE YA LETA N'ABAFATANYABIKORWA BAFASHA IMPUNZI ZIRI MU NKAMBI</u></p> <p><u>Ingingo ya 29:Imikoranire ya Leta na HCR</u></p> <p>Leta y'u Rwanda n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mpunzi bafatanya mu bikorwa bijyanye no gufasha impunzi.</p> <p>Leta y'u Rwanda isinyana amasezerano y'imikoranire na HCR agaragaza uruhare rwa buri ruhande mu gufasha impunzi.</p>	<p><u>CHAPTER IV:COOPERATION BETWEEN GOVERNMENT AND PARTNERS PROVIDING ASSISTANCE TO REFUGEES IN CAMPS</u></p> <p><u>Article 29:Cooperation between Government and UNHCR</u></p> <p>The Government of Rwanda and UNHCR shall participate jointly in refugee assistance related activities.</p> <p>The Government of Rwanda and UNHCR shall sign a memorandum of understanding defining the responsibilities of each party in refugee assistance related activities.</p>	<p><u>CHAPITRE IV : COOPERATION ENTRE LE GOUVERNEMENT ET LES PARTENAIRES PORTANT ASSISTANCE AUX REFUGIES DANS LES CAMPS</u></p> <p><u>Article 29 : Coopération entre le Gouvernement et le HCR</u></p> <p>Le Gouvernement du Rwanda et le HCR participent conjointement aux activités ayant trait à l'assistance aux réfugiés.</p> <p>Le Gouvernement du Rwanda et le HCR signent un accord de coopération qui définit les responsabilités de chacun dans l'assistance aux réfugiés.</p>

<p><u>Ingingo ya 30: Imikoranire ya Leta n'andi mashami y'umuryango w'abibumbye</u></p> <p>Ishami ry'umuryango w'abibumbye ritangirira gukorera mu nkambi y'impunzi n'ahandi impunzi ziba mu Rwanda nyuma y'isinywa ry'amasezerano y'inyabutatu hagati ya MIDIMAR, UNHCR n'ishami ry'umuryango w'abibumbye.</p> <p>Amashami y'umuryango w'abibumbye akorera mu nkambi z'impunzi agomba kugeza kuri MIDIMAR urutonde rw'abakozi bayo ruherekejwe n'imyirondoro yabo no kumenyesha buri gihe impinduka zabaye kuri abo bakozi.</p> <p>Buri shami ry'umuryango w'abibumbye rikorera mu nkambi y'impunzi rimenyesha umuyobozi w'inkambi y'impunzi n'uhagararaye ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku mpunzi ibirebana n'amahugurwa cyangwa ikindi gikorwa giteganyijwe gukorerwa mu nkambi y'impunzi kugirango amenye uko bikorwa.</p>	<p><u>Article 30: Cooperation between Government and other UN agencies</u></p> <p>Any UN agency starts to operate in refugee camps or in any other area hosting refugees after the signature of the tripartite agreement between MIDIMAR, UNHCR and that concerned agency.</p> <p>UN agencies operating in the refugee camps are required to present to MIDIMAR the full list and profiles of employees and regularly inform for any change in the staffing.</p> <p>Any UN agency which is working in a refugee camp should first notify the Camp Manager and UNHCR Head of Office regarding any training or public event to be organized to ensure coordination.</p>	<p><u>Article 30 : Coopération entre le Gouvernement et les autres agences onusiennes</u></p> <p>Toute agence onusienne qui prévoit de mener des activités dans les camps des réfugiés ou dans un autre milieu hébergeant des réfugiés après la signature d'un accord tripartite entre MIDIMAR, le HCR et l'agence concernée.</p> <p>Les agences onusiennes qui ont des activités dans les camps des réfugiés sont tenues de présenter au MIDIMAR la liste complète des employés accompagnée par leurs profils et informer MIDIMAR d'un quelconque changement relatif à leurs employés.</p> <p>Toute agence onusienne qui opère dans un camp des réfugiés devrait aviser le directeur du Camp et le Chef du Bureau du HCR à propos d'une formation ou un événement public à être organisé afin d'en assurer la coordination</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 31:Imikoranire ya Leta n'Imiryango itegamiye kuri Leta</u></p> <p>Umuryango utegamiye kuri Leta utangira gukorera mu nkambi y'impunzi n'ahandi impunzi ziba mu Rwanda nyuma y'isinywa ry'amasezerano y'inyabutatu hagati ya MIDIMAR, HCR n'Umuryango utegamiye kuri Leta.</p> <p>Umuryango wose utegamiye kuri Leta ushaka gukorera mu nkambi y'impunzi ugomba kuba ufite icyemezo kiwemerera gukorera mu Rwanda cyatanzwe n'Urwego rwa Leta rubifitiye ububasha.</p> <p>Umuryango utegamiye kuri Leta ukorera mu nkambi z'impunzi ushyikiriza Minisitiri urutonde rw'abakozi bazakorana nawo, inshingano n'imyirondoro byabo kugirango rwemezwe.</p> <p><u>Ingingo ya 32:Imikoranire ya Leta n'abandi bafatanyabikorwa</u></p> <p>Umuntu umwe cyangwa itsinda ry'abantu bashaka gufasha impunzi ziba mu nkambi babisaba mu nyandiko Minisitiri ufite impunzi</p>	<p><u>Article 31 :Cooperation between Government and NGOs</u></p> <p>For an NGO to starts operating in refugee camps or in any other area hosting refugees, it shall sign a tripartite agreement between MIDIMAR, UNHCR and that concerned NGO.</p> <p>Any non-governmental organization that wants to operate in a refugee camp should have the accreditation to work in Rwanda issued by the competent government institution.</p> <p>A Non-governmental organization cleared to operate in the refugee camps is required to present to the Ministry in charge of refugees the full list of employees with their detailed profiles for its clearance.</p> <p><u>Article 32: Cooperation between Government and other partners</u></p> <p>A person or a group of people who want to assist refugees living in camps shall request the authorization from the Minister in charge of</p>	<p><u>Article 31 : Coopération entre le Gouvernement les organisations non gouvernementales.</u></p> <p>Toute Organisation non gouvernementale commence ses activités dans les camps des réfugiés ou dans un autre milieu hébergeant des réfugiés après la signature d'un accord tripartite entre MIDIMAR, le HCR et l'Organisation non gouvernementale concernée.</p> <p>Toute organisation non gouvernementale qui veut opérer dans un camp des réfugiés devrait avoir l'accréditation pour travailler au Rwanda délivré par l'institution du gouvernement compétent.</p> <p>Toute organisation non gouvernementale autorisée de mener ses activités dans les camps des réfugiés présente au ministère en charge des réfugiés la liste complète de ses employés et leurs profiles pour son approbation.</p> <p><u>Article 32 : Coopération entre le Gouvernement et les autres partenaires</u></p> <p>Une personne ou un groupe de personnes qui veulent aider les réfugiés vivant dans des camps en demander l'autorisation du Ministre en charge des</p>
--	---	--

<p>mu nshingano ze.</p> <p>Ingingo ya 33: Imyifatire y'abakozi b'imiryango yita ku kiremwamuntu</p> <p>Abakozi bose bafasha impunzi mu nkambi z'impunzi ziba mu Rwanda kimwe n'abakorerabushake bubahiriza ibi bikurikira:</p> <p>a) Gukurikiza amategeko y'u Rwanda n'amabwiriza y'umicungire y'inkambi z'impunzi yashyizweho n'abayobozi ba Guverinoma;</p> <p>b) Kubaha no guteza imbere uburenganzira bwa muntu nta vangura, ryaba irishingiye ku ibara ry'uruhu, ubwoko, imyemerere, imyaka cyangwa igitsina.</p> <p>c) Gushyiraho no gushimangira uburyo bwo kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina, igitugu na ruswa no guteza imbere imyifatire myiza.</p> <p>d) Gukora ibyo usabwa, gukora ibitunganye, kurangwa</p>	<p>refugees.</p> <p>Article 33: Conduct of humanitarian workers</p> <p>All staff providing protection and services to refugees residing in camp in Rwanda, including volunteers are compelled to:</p> <p>a) Observe the Rwandan laws and the camp rules and regulations set by the government authorities.</p> <p>b) Respect and promote fundamental human rights without discrimination and irrespective of race, ethnicity, religion, age, or gender.</p> <p>c) Create and maintain an environment that prevents sexual exploitation and abuse of power and corruption, and promotes the implementation of the code of conduct.</p> <p>d) Uphold the highest standards of accountability, efficiency, competence, integrity and transparency in the provision</p>	<p>réfugiés.</p> <p>Article 33: Conduite des travailleurs humanitaires</p> <p>Tous les employés fournissant protection et services aux réfugiés résidant dans le camp au Rwanda, y compris les bénévoles s'engagent à :</p> <p>a) observer la législation rwandaise et les instructions relatives à la gestion des camps des réfugiés établis par les autorités gouvernementales.</p> <p>b) respecter et promouvoir les droits fondamentaux de l'homme, sans discrimination et indépendamment de la race, l'origine ethnique, la religion, l'âge ou le sexe.</p> <p>c) Créer et maintenir un environnement qui empêche l'exploitation et les abus sexuels, l'abus de pouvoir et la corruption et promouvoir l'exécution du code de conduite.</p> <p>d) respecter les normes les plus élevées en matière de responsabilisation, l'efficacité, la compétence, d'intégrité et la</p>
--	--	--

<p>n'ubushobozi,ubunyangamugayo no kutabogama mu itangwa ry'ubufasha no mu ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zabo.</p> <p>e) Kwirinda gukora icyo ari cyo cyose kigamije guhungabanya umubiri,igitsina cyangwa ubwenge cyangwa kubabaza abantu cyane cyane abagore n'abana;</p> <p>f) Kudahungabanya abanyantege nke cyane cyane abagore n'abana cyangwa kwemera ko hari umuntu ushyirwa mu kaga;</p> <p>g) Kwirinda gutanga amafaranga, akazi, ibintu cyangwa ubufasha nk'ingurane y'igitsina harimo amahirwe ashingiye ku gitsina.</p> <p>h) Kurangwa n'ubunyangamugayo, umurava n'ukuri mu byo bakora.</p> <p>i) Kutakira impano cyangwa ruswa bitanzwe n'umugenerwabikorwa</p>	<p>of goods and services in the execution of their tasks.</p> <p>e) Never commit any act or form of harassment that could result in physical, sexual or psychological harm or suffering to individuals, especially women and children.</p> <p>f) Never exploit the vulnerability of any target group, especially women and children, or allow any person/s to be put into compromising situations..</p> <p>g) Never exchange money, employment, goods, or services for sex, including sexual favours.</p> <p>h) Demonstrate integrity, dedication, and honesty in all their actions.</p> <p>i) Never accept a favour, gift, or bribe from a beneficiary</p>	<p>transparence pendant la provision des biens et des services dans l'exécution de leurs tâches.</p> <p>e) Ne jamais commettre tout acte ou toute forme de harcèlement qui pourrait entraîner des préjudices physiques, sexuels ou psychologiques, ou souffrances aux personnes et en particulier pour des femmes et des enfants.</p> <p>f) Ne jamais exploiter la vulnérabilité d'un quelconque groupe cible, en particulier des femmes et des enfants, ou accepter la mise en situations compromettantes des personnes..</p> <p>g) Ne jamais échanger l'argent, l'emploi, des biens ou des services contre le sexe, y compris des faveurs sexuelles.</p> <p>h) Faire preuve d'intégrité, de dévouement et d'honnêteté dans toutes leurs responsabilités.</p> <p>i) Ne jamais accepter une faveur, don ou pot-de-vin d'un bénéficiaire.</p>
--	---	--

<p>j) Kubahiriza buri gihe amabwiriza agamije kurinda ubuzima, imibereho myiza n'umutekano</p> <p>k) Amafoto n'amavidewo yafashwe mu nkambi z'impunzi, ahakirirwa impunzi no mu nkambi z'agateganyo bikorwa hubahirizwa amahame y'ibanga, ubuzima bwite bw'abantu no ku mutekano wabo.</p> <p><u>Ingingo ya 34: Ibirango</u></p> <p>Ibimenyetso, amabendera n'ibindi birango by'imiryango n'abaterankunga mu nkambi z'impunzi bigomba kubahiriza amabwiriza Ngenza birango.</p> <p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA.</u></p> <p><u>Ingingo ya 35: Ivanwaho ry'amabwiriza anyuranye n'aya.</u></p> <p>Amabwiriza ya Minisitiri n° 01/2012 yo ku wa 24/5/2012 avanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 36: Kumenyekanisha amabwiriza</u></p> <p>Aya mabwiriza agomba kumanikwa</p>	<p>j) Always follow all instructions designed to protect their health, welfare and safety.</p> <p>k) Picture taking (photo or video) within refugee camps or Transit/Reception Centers in Rwanda should be in accordance with the principles of confidentiality, privacy and protection.</p> <p><u>Article 34: Visibility and signposts</u></p> <p>Signposts, flags and all other agency and donor visibility and branding materials in refugee camps should abide by the Camp Visibility Guidelines.</p> <p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 35: Repealing of provision</u></p> <p>Ministerial Instructions n° 01/2012 of 24/5/2012 are hereby repealed.</p> <p><u>Article 36: Dissemination of these instructions</u></p> <p>These instructions shall be posted at</p>	<p>j) Toujours suivre toutes les instructions visant à protéger la santé, le bien-être et la sécurité.</p> <p>k) La prise de photo (photo ou vidéo) dans les camps des réfugiés, des camps de transit ou centres de réception au Rwanda doivent être en conformité avec les principes de la confidentialité, de la vie privée et de la protection.</p> <p><u>Article 34 : Visibilité et les panneaux</u></p> <p>Les indicateurs, des drapeaux et autres matériels de marque dans les camps des réfugiés doivent respecter les instructions y relatives.</p> <p><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES.</u></p> <p><u>Article 35: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Les Instructions Ministérielles n° 01/2012 du 24/5/2012 sont abrogées.</p> <p><u>Article 36: La diffusion de ces instructions</u></p> <p>Ces instructions doivent être affichées dans différents endroits publics et dans d'autres</p>
---	--	---

ahantu hagaragarira buri wese muri buri nkambi y'impunzi n'ahandi hose hatuma impunzi ziyamenya.

Ingingo ya 37: Ushinzwe kubahiriza aya mabwiriza

Umuyobozi Ushinzwe ibibazo by'impunzi muri Minisitiri y'Imicungire y'Ibiza no Gucyura impunzi ashinzwe gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza.

Ingingo ya 38: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni ashyingirweho umukono.

Bikorewe i Kigali, kuwa 01/06/2016




MUKANTABANA Seraphine

Minisitiri w'Imicungire y'Ibiza no Gucyura Impunzi

different public places and in all places easily accessed by refugees.

Article 37: Authority responsible for the implementation of these instructions

The Director of Refugee Affairs in the Ministry in charge of refugees is tasked to follow up on the implementation of those instructions.

Article 38: Commencement

These instructions shall come into force on the date of their signature.

Done at Kigali, on 01/06/2016




MUKANTABANA Seraphine

Minister of Disaster Management and Refugee Affairs

endroits qui peuvent permettre les réfugiés à en avoir accès.

Article 37: Autorité chargée de l'exécution de ces instructions.

Le directeur des affaires de réfugiés au sein du ministère en charge des réfugiés est chargé de suivre la mise en œuvre de ces instructions.

Article 38: Entrée en vigueur

Ces instructions entrent en vigueur le jour de leur signature.

Fait à Kigali, le 01/06/2016




MUKANTABANA Seraphine

Ministre de la gestion des catastrophes et des réfugiés